# 17: Nshim' Umuremy' uhoraho

1.
Nshim' Umuremy' uhoraho Wahanits' ijuru, Inyanj'akazidendeza; Yiremeye byose.  Yashyizeho n'izuba rye Kumurika ku munsi, N'ukwezi n'inyenyeri bye
Byo kwaka n'ijoro.

2.
Mushime ko yategetse Imyaka ngw imere; Yaremeshej' ijambo rye Ibizima
byose. Nitegerez' ibyiza bye Ku mpande zos' iteka, Hasi no hasi no hejuru; Ntabwo bihinyuka.

3.
Mw isi nta kintu kiriho Kiterekan' ibye. Ni We wenyin' utegeka Izuba n'imvura.
lmana ni Y' ibeshaho Twe n'inyamaswa zose.Nta hantu twayihungira, Nta na hw
itagera.

Visit us at indirimbo.com